

**IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO
KURENGERA RUBANDA
NYAMWINSHI.**

N° 57

FEVRIER II 1994

**URUPFU RWA GATABAZI NA BUCYANA RURAHAMA
TWAGIRAMUNGU NA NZAMURAMBAHO**

**NA AGATHA
TWAGIRAMUNGU
BAHEJE JE IGIHUGU MU GHIRAHIRO**

FELICIEN GATABAZI
MARTIN BUCYANA
NAAGUSHVIRA AHO NATHYI-ZE GARYISI
UMVA KOURI MASO DA!

- **VUBA AHA INTAMBARA TURAYIKOZaho IMITWE Y'INTOKI MURI KIGALI.**

PEREZIDA HABYARIMANA ABANZI BARI BAMWIVUGANYE AKIZWA N'IMANA.

- **CYANGUGU : AKABOKO KAREKARE K'ABAKOMBOZI KAGEZE NO MU MUSHINGA W'UBUHINZI (PSA) WO MURI CYANGUGU**
- **BUTARE : ABAKOMBOZI BARATEZA UMWUKA MUBI MURI SUPEREFEGITURA YA NYABISINDU**

Bime... net Indépendant

Éditeur: Génepy-Info

Rédacteur et Directeur: Génepy-Info

BP 333 Génepy, TÉL: 023 22 77 77 00

• GATABAZI kimwe na GATPYISI bose bishwe na
TWAGIRAMUNGU nkuko ibimenyetso bibigaragaza.
Ngo arakorera invenzi ibyo yazemereye.

EDITORIAL

IBIHE BIKOMEYE KU BANYEPOLITIKI BACU. NINDE WISHE BUCYANA, GATABAZI YAZIZE IKI ?



Mu minsi ishize Kangura yigeze kwandika ko Perezida wa Repubulika azapfa mu kwezi kwa gatatu k'uyu mwaka. Abatareba kure baraduseka. Aha abareba aho inda yabo ireba guisa. Nyamara se abanyarwanda iyo bavuze ngo ukubise intumva aba ashaka shebuja ni ukuvuga iki ? None se umwanzi azica umugore wawe, umwana wawe, uvuge ngo wowe araguse ? None se gupfa kwa Habyrimana kundi mushaka ni ukuhe ? Ukwezi twavuze niko kwapfuyemo Gatabazi, gupfamo Bucyana. None gushobora gupfamo Ngirumpatse uyobora MRND. Ubwo se Habyrimana azaba asigaye he ? Ese we na nubu ntarabona ko ibyo twanditse bifite imvano ? Nyamara aho kurira ngo runaka yapfuye, wakwishimira ko wamurinze umwanzi. Reka dutegereze uku kwezi gushire, turebe ibindi bitambo. Ariko se habuze iki ngo abumva bumve, ababona babone ?

GATABAZI yazize iki ?

Tutagiye kure, Gatabazi yazize Twagiramungu nkuko byemezwa n'umugore wa Nyakwigendera Gatabazi. Ubwo habaga mitingi ya PSD i-Butare, Gatabazi yavuze disikuru ybabaje inyenzi. Twagiramungu aza kuyikemanga. Ngo disikuru nk'ijo ntaho itandukaniye na ya yindi Nseniyaremye yavugije ku Kibuye ivuga ko tuzohereza intarumikwa ku rugamba inyenzi nizitareka imirwano. Mwibuke ko Gatabazi yavuze ko inyenzi kimwe n'abandi bashaka gufta ubutegetsi ku ngufu ko bajya baba-nza gusubiza amaso inyuma bakareba ibyabereye i Burundi. Ukuntu abaturage bahagurukiye rimwe bakamaganan abashatse kubategekesha imbunda, ibyo byanababaje inyenzi nyinshi zayobotse PSD mu rwego rwo kwihihamo.

Muri PSD ni nde wari ufite inyungu ku rupfu rwa GATABAZI ?

Ngango Félicien niwe ushyirwa mu majwi. Higeze kuvugwa amacakubiri hagati ya Gatabazi na Ngango biturutse kuri raporo Ngango yahoraga akora buri munsi ashinja Gatabazi ubusambo ndetseaza no kuyitangaza kuri Radyo Rwanda. Ibyo byaje kuzana amakimbirane hagati ya Gatabazi na Ngango. Maze Gatabazi nawe atangira kubangamira inyungu za

Ngango ku buryo kuri Gatabazi ntifuzaga ko Ngango yaba Perezida w'l-nama Nshinga Mategeko. Yari yaranatangaje ko aho gutora Ngango yatora Mbonampeka. Ku buryo Mbonampeka yari yaratangiye kwizera amajwi ane azava mu badepite babogamiye kuri Gatabazi. Abakora anketi rero nabo ntbagombye kuhirengagiza. Kimwe no kubaza abandi bako-mbozi batavugaga rumwe na Gatabazi bapfa iby'ubutegetsi.

Iminota ya nyuma ya GATABAZI.

Nkuko anketi zacu zibibereka, duhereye kubitangazwa n'umuryango wa Gatabazi, mwisomere uko byagenze. Hari mu ma saa tatu za nijoro, Twagiramungu aterefona Gatabazi ngo bahuire mu nama kuri Méridien. Gatabazi yavuze ko ananiwe, Twagiramungu akomeza guhatiriza. Gatabazi yaje gusohoka ajyayo. Abo asanze muri iyo nama bamubwira ibantu yaje guhita yanga dore ko yababwiye ko bagomba kwerekana impapuro zisinyewe n'ibice byombi byo muri PL. Kubera ko Twagiramungu yashyiraga imbere igice c ya Lando akirengagiza icya Mugenzi. Ibyo byaje gutuma barakaranya maze inama ihagarara imaze iminota 35 gusa. Nibwo bose basohotse.

Ikitumvikana kuri urwo rupfu.

Imodoka ya Minuar yagiye imbere hakurikiraho Twagiramungu, inyuma hajyaho indi modoka ya Minuar, Gatabazi akurikiraho. Bafashe umuhanda ugana mu mujyi uva ku Kacyiru, bageze ku Kimihurura, Gatabazi wari inyuma akata agana iwe. Ageze ku irembo bamurasira ku muryango amasasu menshi. Abari baherekeje Twagiramungu bumvise amasasu bahagarika shoferi wa Twagiramungu. Abibwiye shebuja amutera utwatsi

muri aya magambo "Twigendere sha, biriya birasanzwe muri Kigali".

Ubwo Minuar yabuze uko ihagara-ra, barakomeza no kwa Twagiramungu. Bageze mu rugo yihutiye gutele-fona abayobozi ba PSD, Nzamurambaho, ababaza niba urupfu rwa Gatabazi hari icyo rwabagoraho mu ishyiraho rya Guverinoma. Bamubiye ko ntacyo. Ko Gatabazi ntacyo arusha abandi bapfuye. Ubwo Twagiramungu yahise atangaza mu gitondo kare kare ko abayobozi ba PSD bamwemereye gushyiraho Guverinoma. Ko iby'urupfu bitayibuba kujyaho. Ngaho namwe nimwibaze ayo magambo mwumvise kuri Radyo Rwanda muri icyo gitondo ataranajya kureba umurambo ? Abakora anketi bagombye kugera kuri ibyo byose twavuze byabaye.

Ikindi umuntu yakwibaza.

Abishe Gatabazi kuki bamutangiri-ye ku irembo nyuma yisaha asohotse agiye mu nama ? Ese ni nde wababiye ko asohoka muri ayo masaha ? Kuki batari bamutangiriye mbere y'uko ajya muri iyo nama cyangwa mbere yaho bagategereza ko bikorwa atashye ? Gatabazi ajya gusohoka ngo aje mu nama, yabanje kuvugana n'Ambasaderi w'u Rwanda i Buju-mbara, Uwibajije Sylvestre, amubwira ko iyo nama imuteye ubwoba. Ibyo byose bitwerekira ko urupfu rwa Gatabazi ruhama Twagiramungu n'inyenzo muri FPR. Ikibabaje ni ijambo Twagiramungu yavuze ngo ubwo MRND yasabye ko muri disikuru Programu ye yazashyiramo imbabazi ku bakoze ibyaha bose mbere y'uko ubutegetsi bwa Twagiramungu butangira. Aha biragaragara ko vuba aha inyenzi zishobora kwica abantu benshi zitwaje ko hari imbabazi zizatangwa mu minsi ya vuba. Ni aha nyagasani. Ngo ijoro ribara uwariraye !

NI NDE WISHE BUCYANA MARTIN

Mu gihe anketi ku rupfu rwa Gatabazi yo itaratufuka neza ngo Twagiramungu afatwe cyangwa se avuge abambari be bafatanije mu kwica Gatabazi, urupfu rwa Bucyana Martin rwo anketi yarwo iroroshye. Abambwishe bose barazwi. Ni abakoraga imyigaragambyo ahitwa i Mbazi. Bo-se uko bangana bari aho bamwiciye ba-

rahari. Imodoka zabatundaga zirahari. Iyo tugira ubutegetsi bukora, ubu baba barafashwe. Usibye ko nibadafatwa tuzabifatira tukabihani. Bucyana yafashwe mu ma saa tanu z'amanywa, ahungira mu nzu iri kwa Nkundabagenzi, ku birometero 6 uvuye i Butare. Ubutegetsi bwose, bwaba ubwa Komini, ubwa Perefegitura bwarabimene ariko kubera ko ari umugambi wari wateguwe kandi uzwi neza, ntacyo bwakoze mu gukiza Bucyana na murumuna we.

Dore ibibabaje kuri urwo rupfu.


Bucyana igihe yari yihishe mu nzu yo kwa Nkundabagenzi, murumuna we na shoferi baje guhungira kuri Komini. Bajya mu idari (plafond). Imodoka zizwi na bose zikomeza gutunda abantu zibajyana kuri Komini kwica Bucyana. Abigaragambya bamaze kuba benshi bahisemo gutwika Komini ngo abarimo bahiremo dore ko bari batangiye no kuyisenya. Ibyo byose byaragaragaraga, bibonwa n'ubutegetsi bwose bwa Butare. Ngo Burugumesitiri yarahunze da ! Sekreti we se wari wasigaye yakoze iki ? Murumuna wa Bucyana witwa Maurice yabonye bari buhire mu nzu ahitamo gusohokana na shoferi. Abigaragambyaga bahise babahuka babica urubozo bazi ko barimo kwica Bucyana. Umukazana wa Nkundabagenzi yaje kugera kuri Komini abwira abigaragambyaga ko abo bari kwica nta Bucyana urimo ko ahubwo Bucyana ari mu nzu kwa Sebukwe. Byari bimaze kuba mu ma saa sita n'igice. Bahise babica urw'agashinyaguro maze basubira kuri kaburimbo kwa Nkundabagenzi, baschora Bucyana. Nawe bamwica nkuko bishe Ndadaye. Baramushahura, bamuvanamo ijisho, ubwonko, inkoro. Umurambo we urebye barawushinyaguriye birengeje urugero. Nkuko bivugwa n'uwo mukazana wa Nkundabagenzi, ngo Bucyana bamuvanyemo amaso bamubwira ngo niyongere avuge ko ari maso. Kuburyo yanze kuvuga kurinda ashiramo umwuka. Maze wa mukazana wa Nkundabagenzi asohoka avuga ngo mbega ikigabo cyihangana ! Cyanze kuvuga kugeza igihe gipfiriye ! Ibyo bigaragaza ko abishe Bucyana bar hamwe n'uwo mukazana.

Ni bande bamaze kumenyekana ?

Ku wa mbere, Bucyana yiriwe ashyira sima ku mva y'umugore we wari umaze umwaka yitabye Imana. Hakkaba hari abamunekaga babaza igihe

azatahira. Muri abo hari uwitwa Karangwa, umu PSD uba i Cyangugu. Nuwitwa Mariyana nave uba i Cyangugu. Abo bantu ni bamwe mu bakurikiye gahunda za Bucyana. Uwitwa Serubyogo nave yatelefona abc twavuze haruguru bamubwira aho Bucyana aherereye naho ageze. Hari imodoka y'umushinga PSA ikorera Minisiteri ya Nzamurambaho. Iyo modoka yakoze akazi ko gukurikira Bucyana kuva i Cyangugu kugeza aho yiciwe. Ibyo byose byemezwu nababibonye batuye i Cyangugu. Dore ko uriya Mariyana we yanahunze akaja i Bukavu ho muri Zayire kugira ngo Bucyana apfe yahunze.

mbabaje Alexandre, umwarimu muri Kaminuzza, uwitwa Rutazigwa Ignace, abo bose bashinjwa n'abishe Bucyana, bakongera bagashinjwa n'umugore wa Nkundabagenzi. Ndetse na ya nkoramaraso y'umukazana we. Hari Pajero ya Projet PSA, iyo irazwi n'uware ayitwaye arazwi. Hari n'andi mamodoka menshi yatwaraga abicanyi ariko na nubu ubucamanza bwatre ye agati mu ryinyo. Ibimenyetso ku rupfu rwa Bucyana na murumuna we Maurice biragaragara kuri buri muntu wese ubishaka. Ubutegetsi nibutagira icyo bubikoraho abaturage bazakora icyo bifuzaga ko ubutegetsi bubakore. Yego Gatabazi arapfuye, Bucyana



I Butare ho abagize uruhari mu iyicwa nya Bucyana ni abantu bako-meye gusa ku buryo ishyaka PSD ryanze ko bafatwa. Kandi ibimenyetso bibahaha. Dore ko abishe Bucyana bari batumwe kandi ni nabo barimo bashinja abo bose banze gufatwa. Nk'uwitwa Bihra Juvénal umucuruzi ukomeye, uwitwa Bashimiyiki nave uzwi cyane ni Butare. Uwitwa Rya-

na murumuna we baraptuye, Ngirupatse nave ashobora gupfa. Nkuko bigaragarira mu madisikuru ya Nzamurambaho. Ese ko yahise atangaza ko Gatabazi yishwe na MRND ko ataratubwira uwishe Bucyana na murumuna we ? ngo ruriye abandi rutamwibagiwe.

NGEZE Hassan

UBWANDITSI BWA KANGURA

NGEZE Hassan : Rédacteur en Chef

NYABYENDA Issa : Rédacteur en Chef Adjoint

SIMBIKI Stanislas : Journaliste

HITIMANA Noël : Journaliste

SIBOMANA NABANTU : Journaliste

HAKIZIMANA Joël : Secrétaire de Rédaction

Umubare w'ibinyamakuru byacapwe : 30.000 exemplaires

Igiciro cya nimeru imwe :

- Mu Rwanda : 100 FRS

- Mu Burundi : 250 FRS

PEREZIDA HABYARIMANA NIYEREKANE KO AGIFITE UBUBASHA.

Amateka y'isi atwibutsa ko kera mu baromani, iyo igihugu cyagwaga mu kaduruvayo nk'ako u Rwanda rurimo, uwari umukuru wacyo yakoraga uko ashoboye akakivana mu makuba. Dore ko abaturage ari we babaga bahanze amaso. Abarundi nibyo bita "kugarukira" igihugu.

kubera Perezida Habyarimana isomo. ta nabo ntibagihembwa. N'abahe-Aho ibihe bigeze, icyo abaturage bamusaba ni ugukora akazi igihugu cyamushinze, akareka kwishing abanyapolitiki. Nibyo twakwita "prendre ses responsabilités". Perezida Habyarimana yaranzwe buri gihe no gufata ibyemezo atinze. Yanabifata



Iyo igihugu cyajyaga mu byago, nabwo ugasanga ntakikiramiwa. Aho umukuru wacyo ntiyishingaga ay'abantu Rwanda rugeze ubu, Perezida nyapolitiki. Yahitaga afata ububasha bwose bukaya mu maboko ye kugira ibyo abanyapolitiki barimo dore ko ngo arengere abo ashinzwe kuyobora. Icyo gihe yitwaga "imperator" ibiba byose amenye ko ariwe bizabacyangwa se "Empereur" mu gifara-nsa. Ubwo bubasha buhanitse yabuhwaga kugira ngo arengere inyungu z'abaturage. Twavuga nka Jules César i Roma cyangwa se Napoléon Bonaparte mu Bufaransa. Iyo igihe "Imperator" yasubizaga ubutegetsi rubanda bakishyiriraho, abategetsi binyuze mu matora. Ibyakorwaga n'abo bakurambere banadutanzze kubona izuba muri demokarasi byagombye

Habyarimana ntiyari akwiye kwishinga bahangayikishijwe n'inda zabo gusa. Icyo ibihe bigeze, icyo abanyapolitiki barimo dore ko ngo arengere abo ashinzwe kuyobora. Icyo gihe yitwaga "imperator" ibiba byose amenye ko ariwe bizabacyangwa se "Empereur" mu gifara-nsa. Ubwo bubasha buhanitse yabuhwaga kugira ngo arengere inyungu z'abaturage. Twavuga nka Jules César i Roma cyangwa se Napoléon Bonaparte mu Bufaransa. Iyo igihe "Imperator" yasubizaga ubutegetsi rubanda bakishyiriraho, abategetsi binyuze mu matora. Ibyakorwaga n'abo bakurambere banadutanzze kubona izuba muri demokarasi byagombye

Hari ibintu byihutirwa bitagomba gutegereza abanyamurengwe bamaze gusinda amasezerano y'Aru-sha. Abaturage bakeneye umutekan, bakeneye ibyo kurya. Abavanywe mu byabo n'inkotanyi bakeneye kucisubiramo kuko imvura, imbeho, inzara bigiye kubatsinde ku gasozi. Abano indwara zibageze kure. Abakozi ba le-

Amahanga yarangije kudukurira inzira ku murima. Abanyarwanda baniwe kumvikana ubwabo, nta n'igiceri na kimwe bazongera kudupimira. Cyokora abanyarwanda si twe twanze kumvikana kuko ntacyo dupfa. Abanyapolitiki bacu nibo batunaniye. Niba Twagiramungu, Agatha, n'inkotanyi badashaka ko inzego z'inzibacyuho yaguye ziyaho, ikosa si irya Perezida Habyarimana. Ntibarinde rero kumutesha umutwe kuko burya uhagwa na mbere ari umuturage ukeneeye amahoro. Perezida Habyarimana nakorane na Guverinoma yari isanzweho. Iterane igarure umutekano mu gihu-gu, irebe uko u Rwanda rumeze n'aho rugana. Agatha nakomeza kwigira i-ingare yitwaje ko ariwe ukiri Minisitiri w'Intebe bamuhe gasopo. Ibyo ari byo byose Perezida Habyarimana afite uburenganzira ahabwa n'itegekonshinga ryo gusezerera Minisitiri w'Intebe iyo yerekanye ubushake buke bwo kumvikana. Perezida Habyarimana ashobora kwaka ishyaka MDR undi Muminiti w'Intebe. Byaba ngombwa akava mu ba "pawa". Twagiramungu n'Agatha rero sibo kamara.

Baretse abaturage bakitorera ababayobora !

Umwijuto w'ikinonko ntumenya ko imvura izagwa. Amasezerano y'Aru-sha yagize ibibi n'ibyiza. Ku ruhande rumwe yatumye intambara y'amatasu isa n'ihagarara. Abaturage bagira agahenge. Abari bashyamiranye nabo h'bona akanya ko kwicara hamwe bashakira hamwe inzira y'amahoro. Ku rundi ruhande, amasezerano y'Aru-sha yaheje rubanda ku micungire y'igihugu. Maze akgabiza uduco tw'abanyapolitiki bashishikajwe n'inda nini.

(Suite à la page 5)

IGITERO SIMUSIGA.

Inyenzi ngo zari ziteguye gutera mu muysi wa Kigali tariki ya 01 Werurwe 1994. Icyo gitero cyaje guhagarikwa n'ibibera i Butare, dore ko ubu mu muysi wa Butare hari inkotanyi 52 zavuye muri C.N.D. zikorera hamwe ubutumwa bwo gukorana n'abakombozi mu gutera akaduruvayo mu muysi wa Butare.

Dufite ibindi bimenyetso ko vuba aha hari ibindi bitero bya FPR bizagabwa mu mpande zose za Kigali. Aha turavuga uko mu Bilyogo mu ngo nyinshi ubu hacumbikiwe inyenzi zakuwe ku rugamba.

Dusabye abarebwa n'icyo kibazo bose kuba maso. Nituzicwe urubozo. Aho inyenzi ziri ubu turahazi zishatse zacisha make.

NGEZE Hassan

TWAGIRAMUNGU N'AGATHA BAHEJEJE IGIHUGU MU GIHIRAHIRO.

Baca umugani mu Kinyarwanda ngo igihugu kitica imbwa cyorora imisega. Twagiramungu, Agatha Uwillingiyimana n'Inkotanyi bakorana basanze imyaka itatu u Rwanda rumaze mu ntambara idahagije, biyemeza kuroha mu rwobo. Bahejeje igihugu mu gihirahiro bagambiriye ko abaturage basubiranamo. Maze ya ntambara y'amoko twababwiraga muri Kangura ikarota. Biteye isoni kubona ku nshuro ya kabiri, Perezida wa Repubulika abategereza kugira ngo hashyirweho inzego z'inzibacyuho yaguye, bakabura. Kandi aribo ba nyiri ubwite !

Iyo Twagiramungu atigira kagara, igihugu cyacu ntikiba cyararinze kuzahara bigeze aha. Amakuba u Rwanda rurimo rwayatewe n'abanyapolitiki bacu bitwaye kinyoni, baba ibirumirahabiri. Berekanye ko imvugo yabo atari yo ngiro. Mundebere namwe.

Rugenera Mariko bamushinze imari. Nawe ati gucunga umutungo ntawubindusha. Nyamara ukuri kwe-rekanye ko icyo azi ari ukwiyuzuriza imifuko. Ni muri urwo rwego yashatse kumira bunguri uruboho rw'amadorari ibihumbi magana ane (400.000), ni ukuvuga miliyari 60 z'amanyarwanda, umuhogo ukamubana muto. Ibyago bye ntibyaziye rimwe kuko guverinera wa Banki Nkuru y'igihugu yari maso,

(Suite de la page 4)

Abo banyapolitiki bageze aho bagera bumva ko badahari ntacyakorwa, ari nayo mpamvu bakomeje kwigira kagarara. Bibaye ibishoboka, guverinoma iriho yakomeza akazi kayo. Akaba ari nayo ifatanyije n'intumwa z'umuryango w'abibumbye ziri ino (MINUAR) itegura amatora. Bityo abaturage bakayoborwa n'abo bitoreye. Kandi niyo demokrasi. Gusa ikibazo ni uko bamwe batakwemera. Ku isonga hakaba hari FPR idakozwa amatora. Ntibitangaje kumva Tito Rutaremara yihanukira akemeza ko amatora atari yo demokrasi. Kuri we ngo ni uburyo abaturage babonye bwo gushyiraho cyangwa se guhirika abategetsi ! None se ubutegetsi si ubw'abaturage nyine ! Reka avuga atyo kuko amatora abaye, FPR itabona n'umujyanama wa Komini. Kimwe n'andi mashyaka ayishamikiyeho nka PSD, na MDR Twagiramungu. Ibyo ari byo byose, amaherezo y'inzira n mu nzu.

Kangura.

akamuvana "amata" m kanwa. Nyuma ya Rugenera, hakaza Twagiramungu alias Rukokoma, alias igihangange, n'icyana cye, Agatha Uwillingiyimana.

Umwé ayobora Guverinoma yaheze mu cyuho, undi akiyitirira guverinoma itazigera ahari ibaho.



Agatha ni umukuru wa Guverinoma yacyuye igihe kandi akaba akomeje kwemeza ko agitegeka. Twagiramungu nawe agashaka gutegeka huti huti ariko ntabigereho. Muri make turi mu gihirahiro. Ibyo bise Guverinoma y'inzibacyuho yaguye urebye twayitangiye tariki ya 5 Marama 1994 igihe Perezida wa Repubulika arahira. Nyamara ni mu magambo gusa kuko izindi nzego z'ubutegetsi zitashoboye kujuyaho. Turi mu cyuka. Mu mpapuro, inzego zacyuye igihe umunsi Perezida wa Repubulika arahira. Ni ukuvuga ko abadepite manda yabo yarangiye, kimwe na

Guverinoma ... ariko mu byukuri bitwa ko bagikora. Ku buryo ntawavuga ngo kanaka ntakora cyangwa se arakora. Mu yandi magambo, igihugu cyarahagaze ! Mu rwego rw'ubucumanza ho ni ibindi. Nta byago nko kugira Perezida w'Ururiko Rusesa imanza ufite amakosa arusha ubukana ay'abo ugomba gucira urubanza. Abandi bavuga ko afite amakosa nk'ay'ingurube.

Perezida w'Ururiko rusesa imanza ntako atagize ngo ahishe ubucumanza amadosiye y'amakosa ye. Arikibiba iby'ubusa, bagenzi be b'inangamugayo barayatahura. N'ubwo bwose nta nama nshingamategeko twari twagira hari bamwe barangije kwigira abakuru bayo. Twavuga bene

Ngango na Lando. Ubwo kandi niko tugifite Perezida w'Inama shingamategeko (CND) itakibaho, itanagikora dore ko aho yakoreraga inkotanyi zarranje kuhashinga ibirindiro.

Uwo mukuru w'inama nshingamategeko itakibaho niwe kandi ughagararira u Rwanda mu mahanga. Wagarira ngo niyo sura nziza u Rwanda rusi-

gue rucungiraho yo kwereka amahanga ! Nyuma y'abo bose tukagira abarwanyi ba FPR rubanda ikomeje kwima amatwi. Cyokora bo ngo ntacyo bibatwaye kuko ... bazarwana ! Muri ari kaduruvayo kose, nta kuntu haburamo abitwa ko bubariza amahoro. Umuryango w'Abibumbye utwoherereza icyo wise MINUAR. General R. Dallaire ayirongaza imbere, aho kubahiriza amahoro, abo basirikari cyane cyane inkotanyi z'ababiligi zigira ngo bazibwiye gufata Kigali. Bagaba ibitero simusiga mu ngo z'abantu, ibyana bivanamo mugendo akensi ku ngufu ... sinakubwila. Minuar irakotana biratinda. Muri iki gihe, abavanywe mu byabo n'intambara baracyapfa ari benshi muri za bulinde, ibimuga by'intambara biribaza uko bizamera, abasabirizi bariyongera, inzara iranuma, macinya iranikoriza iyo za Kibuye. Abakozi ba Letta nabo ntibakibona ka "sérum" kabo.

Ubwo niko amahanga areba ibyo dukora akumirwa ariko anaduseka. Ngo tuzabanze twumvikane abone kudufasha. Abanyapolitiki bacu badukundiye ! Abahoze ari ibisambo kabuhariwe n'abicyani, nibo biyambitsye uruhu rw'intama kandi ari ibirura. Ba Kagame, Lizinde, Bizimungu n'abandi batu "tubazaniye demokrasi n'amahoro". Abo bahekuye bakomeje nabo kurira no kwangara ku gasozi. Kuyavuga siko kuyamara. Kandi ngo uko byagenze ibara umupfu.

Kangura.

NRA NA FPR ZIRITEGURA KUGABA IBITERO MU RWANDA.

Inkotanyi zimaze kurasa ku basiri-kari bacu mu Mutara vuba aha, zikabicamo batatu, zahise zaka "renfort", zaka inkunga ingazo za Uganda. Hatabara abasirikari ba NRA, brigade ya 309, hatabara bataillon ya 25 iba i Kisoro na bataillon ya 23 iba i Kamwezi, ni ukuvuga hafi abasirikari 1200 ba NRA baje gutera inkunga inkotanyi. Abo basirikari bakaba bayobowe na Major KAMWERERE warwaniye inkotanyi kuva intambara yatangira mu Kwakira 1990.

Tumaze kumenya kandi ko tariki ya 11 Gashyantare, habaye inama y'abasirikari bakuru bayobora abandi ku rugamba. Iyo nama ihuza aba FPR n'aba NRA bari ku mupaka w'u Rwanda na Uganda. Muri iyo nama, inkotanyi zisaba Uganda kuzisubiza imbunda za rutura yari yarazitije nyuma ikazisubiza tumaze gusinya amasezerano y'amahoro ya Arusha. Inkotanyi ziboneraho kubwira abasirikari ba NRA kongera abashinzwe kurinda umupaka. Twamenye kandi ko tariki ya 8 Gashyantare, hari ikamyo yuzuye ibikoresho bya gisirikari yinjiye mu Rwanda mu karere kagenzurwa na FPR iturutse ahitwa i Rubaya muri Uganda. Ibyo bikoresho iyo kamyo yabipakiriye ahitwa i Ngoma. Aho ubusanze akaba ariho habikwa ibitwaro bya rutura bya brigade ya 309 y'ingabo za Uganda bita NRA (National Resistance Army).

Uretse iyo myiteguro ya gisirikari, FPR-Inkotanyi ikomeje kubeshya amahanga. Tumaze kumenya ko Dr RUDASINGWA Théoneste, umunyamabanga mukuru wa FPR, akubutse i Kampala muri Uganda, akaba yarazengurutse za ambasade zose z'i Burayi bwiburengerazuba, azibwira uko ubu ibantu byifashe mu Rwanda nuko bizagenda mu minsi iri imbere. Dr. RUDASINGWA rero yabwiye abo bazungu, ati "mu Rwanda hari imivuno (scénarios) itatu ishobora gucibwa no kubuguzwa kugira ngo igihugu kizave mu gihirahiro cya politiki kirimo ubu. RUDASINGWA ati "uko byageenda kose, inkotanyi zizatsinda iyo mivuno. Dore rero iyo mivuno nk'uko Dr. RUDASINGWA yayigeje ku bazungu bahagarariye ibihugu byabo i Kampala.

Umuvuno wa mbere : Niba inzego z'inzibacyuho yaguye zigiyeho, zigakora neza nta nkomyi kugeza inzibacyuho irangiye igasozwa n'amatora. RUDASINGWA ati "nta kabuza FPR-Inkotanyi tuzatsinda amatora kuko kugeza ubu 55 ku ijana by'abaturage b'u Rwanda twamaze tubifatira. Ibyo ni RUDASINGWA ubivuga !

Umuvuno wa kabiri : Ingabo z'u Rwanda ziramutse ziduteye, inkotanyi twazihindukirana tukazitsinda tugahita dufata ubutegetsi mu Rwanda bitatu-

goye.

Umuvuno wa gatatu : Umutekano muke ukomeje mu gihugu, bitewe n'interahamwe za MRND zahawo imbunda na Perezida HABYARIMANA zikibasira abayoboke n'abasempatiza ba FPR. Twe FPR-Inkotanyi twakora nk'uko twakoze twubura imirwano tariki ya 8 Gashyantare 1993, tukagaba ibitero bya simusiga mu mpande nyinshi z'igihugu. Tukavuga ko twitabaje kandi tuje gukiza abaturage, intambara tugahita tuyitsinda. Ubutegetsi tukabucakira.

Nako RUDASINGWA abwira abo bazungu bahagarariye ibihugu byabo muri Uganda atti "mudushyigikire kuko bigaragara ko imivuno yose tuyitsinda. Bamwe muri abo bazungu baramubwiye bat: "ariko urabona koko iyo mivuno yanyu hatarimo kwibesha cyane ?" Aho si cya cyizere kiraza amasinde ?"

Ibyo bikorwa byose inkotanyi zikora zigambiriye kubura imirwano nyuma y'amasezerano y'Arusha, twe twazibutse igitekerezo cy'abakurambere bacu bagize bat "uwivumbuye aba yivumbitse !"

Kangura

INKOTANYI NTIZICEZE ZITEZUKA KU NTEGO YAZO YO CUFATA

UBUTEGETSI KU NGUFU.

Iyo turebye ibyo inkotanyi zikora ubu hyuma y'aho zisinyiye amasezerano y'amahoro, dusanga zitarizeze zihindura umugambi wa zo zari zifite zitera u Rwanda. Uwo mugambi ukaba ari uwo gufata ubutegetsi zikoresheje intwaro, zimena imivu y'amaraso cyane cyane amaraso y'abahutu n'abandi badashyigikiye umugambi wazo. Kugira ngo zigere ku butegetsi, Inkotanyi ubu zirimo gukoresha Plan zabatije «Plan No 3». Iyo plan yibanda cyane cyane ku bwicanyi no ku mvururu.

Inkotanyi ziyikoresha ngo zishaka kwigana uburyo Museveni wa Uganda yakoresheje afata ubutegetsi. Ubwo buryo ni ubwo kubuza amahwemo abaturage, kubazamba-

guza mu byago kugeza igihe barakaye noneho bakivumbura ku butegetsi buriho babushinja ko butashoboye kubarinda, kubarengera no kurinda ibyabo. Mbese ko ubutegetsi bwananiwe kubungabunga umu tekano w'abaturage.

Icyo gihe noneho abaturage bakayoboka urwanya ubwo butegetsi buriho bavuga bat «reka tumuyoboke ariko aduhe amahwemo, amahoro». Uretse ubwo buryo bwo kwica no kubuza amahwemo abaturage, inkotanyi zikora n'ibindi bikorwa byerekana ko zishaka kunyura mu nzira y'intambara zigana ku butegetsi.

Muri ibyo bikorwa bitemewe n'amasezerano y'amahoro, inkotanyi zasinyiye umuntu yavuga :

1. Kuba zitarizeze ziva mu karere katagomba kurangwamo abasirikari.
2. Kuba zikorera muri ako karere ibikorwa bya gisirikari n'ibya politiki kandi zitabyemerewe.
3. Kuba zirundanya abasirikari n'ibikoresho by'intambara muri ako karere n'aho ibirindiro byazo bitigeze biba.
4. Kuba zikomeza imyitozo ya gisirikari zikayikorana n'ingabo za NRA za Musezeni wa Uganda. Imyitozo igakorerwa mu Rwanda aho inkotanyi zishinze ibirindiro. Ibyo ari ukugirango igihe imirwano izubura, hatazaba urujijo hagati y'abasirikari ba NRA n'inkotanyi.

Aha twamenyesha abanyarwanda ko abasirikari ba NRA bari ku nkiko ku mupaka wa Sudani ubu baje mu Nkotanyi.

5. Nyuma y'aho ya bataillon iri mu ri CND igereye i Kigali, hari izindi nkotanyi zizobereye mu gu teza imvururu zishingiye ku moko, mu kwica « Escadron de la mort » zaje ruhongo-hongo. Abenshi bazanwaga na Minuar Belge.

6. Kuba zohereza (infiltrer) inkotanyi kabuhariwe (commandos/ Escadron de la mort) ngo bice abatagetsi cyangwa abandi baterera amatwara ya FPR. Abo zikabica zikoresheje amasasu' za grenades, inyundo, udufuni n'bindi.

Ubundi buryo bukoreshwa muri « Plan No 3 » ni ugukoresha amabandi, ba maraya, abacuruzi b'u duconco babunga (vendeurs am-

bulants), indorerezi (badauds)... Ngira ngo abatuye cyangwa abagenda mu migi ya Kigali, Gisenyi, Butare, Ruhengeri... babona ukuntu muri iki gihe hasigaye hari ibizungerezi byinshi, ab'uduconco benshi. Akantu karaba ugasanga indorerezi zitazwi aho ako kantu kabereye arizo nyinshi, zikakuzu rana nk'aho zatabaye. Akensi rero aba ari inkotanyi infiltrés ziba zishaka kureba niba objectif yazo zabaye atteint cyangwa ziri mu butasi.

Dore noneho ibyo inkotanyi ziri muri mission hagati mu gihugu zirimo zivuga n'uko zibona ibantu byagenda :

— « dukomeje akazi igihe tugitegereje amabwiriza mashya ».

— « abantu bacu bari mu murwa mukuru bamerewe nabi. Hagomba irindi tsinda ».

— « Twahaye amabwiriza incutzacu ziri mu mugi wa Kigali yekurinda abaturage bashyigikiyi inkotanyi kandi twabasabye ku «recruta» abandi ».

— « mugerageze mwinjize mu mugi wa Kigali Inkotanyi ziyoberanyije mu basiviri zituruke mu gihugu cyo mu majyepfo cy'incuti ».

— « inkotanyi zigomba kurwanya ubutegetsi buriho ku buryo bwose ».

— « abantu b'inkotanyi bari mu mugi wa Kigali bakomeje gushotorwa. Ababashotora bashaka expérience ya Angola. Ubwo rero ni ukwitegura ».

— « inkotanyi na NRA bigomba gukomeza gukorana. Bigategura intambara kugeza aho ubutegetsi buriho buviriye ».

Kangura.

IMBABAZI MRND YASABIYE ABANYAPOLITIKI ZIREBA MBERE NA MBERE TWAGIRAMUNGU.

Abaromani babivuze neza bagira bat: "Stultus se laudat". Mu gifaransa bisobanura ngo "Le sot se loue lui-même". Tugenekereje mu kinyarwanda twavuga ko nta kigory kimenya ko cyagoryamye. Aka wa musazi ubona undi akamutuka ngo wa gisazi we !

Ntzwazinduwe no gutukana ariko ni ngombwa gushyira ahagaragara abanyapolitiki bacu bakomeje kwigira nyoni nyinshi. Nyamarwa ngo uwavuga ay'inzuki, ubuki ntibwaribwa. Iyo witegereje abanyapolitiki bacu bisaranya muri za mitingi ngo ingoma ya HABYARIMANA yaranzwe n'igitugu no gusahura umutungo urumiwa. Yego mu myaka 21 HABYARIMANA amaze ku butegetsi ntawahakana ko nta makosa yakoze. Bavuga ko udakosa ari uba adakora. Ku butegetsi bwa HABYARIMANA hari abantu bigize "ibinani" cyane cyane baramubise, bishe bagakiza. Ibyo ntawe utabizi. Ariko na none, iyo urebye bariya birirwa bakamejeje muri za mitingi usanga abenshi niba atari bose bari geze kurya ku "ntoryi" z'likinani.

Duhere mu mashyaka akomeye. Muri MDR, TWAGIRAMUNGU Faustin, Perezida, Minisitiri w'Intebwa wa Guverinoma yaguye abariwa mu bisambo kabuhariwe byayogoje iki gi-

hugu. Aho yari agejeje ikigo STIK niwe uhazi. Azajye anibuka gusobanura abanyarwanda aho yashyize ivatiri yo mu bwoko bwa Audi, anatubwire impamvu zatumye amanuka "1930". Imyenda afite hirya no hino nayo igiye kumuca urutugu.

Ntitwiriwe tuvuga ba MUREGO bari barigize indakoreka muri Perezidansi ya Repubulika. Kugeza igihe umukuru w'ighugu amwohereje mu w'1979 guhagararira u Rwanda mu muryango w'Ubumwe bw'Afurika (OUA), afite umwanya utoroshye w'umunyamabanga mukuru wungirije (secrétaire-Général-Adjoint). Sibwo "Docteur" wave awugaramye ngo na HABYARIMANA nawe najyeyo ! Ngo keretse abaye Perezida wa Repubulika ku ngufu. Yarabigerageje akoresheje ingufu biramunanira. Ibyakurikiyezo murabizi. Imyaka 10 yari kumara Addis Abeba aryoshye, aymara muri "spéciale" mu Ruhengeri. NSENGIYAREMYE nawe iyo yari ari mu Mutara ntawo yari ameze nabi.

Yari yarahakonze, afite ibikingi nk'i-by'abatware ba kera b'abatutsi. Ndetse HABYARIMANA aza no kumugororera umwanya w'umunyamabanga mukuru (secrétaire-Général) muri Minisiteri y'ubuhinzi, Ubworozi n'amashyamba.

Muri PSD, mbere yo kubyina "kamucerenge", abakombozi baje bibuka ko umutware wabo, NZAMURAMBAHO Federiko ariwe ukene-sheje Butare, akicisha inzara abanya Gikongoro. Ntibazagire undi bazabeshyera. Kuko ntibiyumvikana ukuntu NZAMURAMBAHO yategeka Ministeri y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Ama-shyamba imyaka irenga icumi na nubu akaba akiyitegeka, yarangiza aka-vuga ko ingoma ya Habyarimana ariyo yicisha inzara abanyabutare n'abanyagikongoro. Imishinga y'ubuhinzi n'ubworozi yuzuye muri ayo maperefegitura imaze iki ? Ntumbaze. None agarutse muri Ministeri y'Imrimo ya Leta nayo yigeze gutegeka. Ibyo akora ntawakwirira abivuga. Ni uguhumiriza kuko nyine ari inzibacyuho. Mu "muryango" wa FPR ho ni agahomamunwa ! Kuba byonyine FPR yarafashe intwarz igatera igihu-gu cyigenga, birahaniwa. Impamvu izo arizo zose. Amasezerano mpuzamahanga agenga impunzi avuga ko iyo impunzi ifashe intwarz igatera igihu-gu iturukamo yamburwa uburenganzira bwose bureba impunzi. Mu magambo make icyo gihe ntawo iba ikiri impunzi. Ariko se abo bahekuye ababyeyi sibo barimo kwigaragambya muri CND ?

Bakaba nta n'ubushake na buke bafite bwo kumvikana n'abo bamariye abana ku icumu. Ngo nibatabona ubutegetsi bazarwana ! Bazagerageze ... ! Muri FPR ntiharimo impunzi z'abatutsi gusa, harimo abantu bakoze amarorewa ku butegetsi bwa Habyarimana bazwi. None bagarutse ari ba Koloneli-depite... intumwa za rubanda ! Abo ni ba Lizinde wishe agakiza agitegeka ibiro bikuru bishinzwe iperereza (SCR). Ni iki Lizinde atakoze muri iki gihugu ? Icyo yashakaga ngo ni ukuba Perezida wa Repubulika ku ngufu. Iyo Habyarimana atamugirira imbabazi ntaba yararashwe kera nk'uko zari zaramuciriye ? Kanyarengwe "chairman" ntiyari Colonel mu

ngabo, akaba na Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu ndetse n'u'w'abakozi ba Leta ? Iyo adashaka imyanya y'ikirenga hari icyo yari abaye ? Ukuntu abanyarwanda bamukundaga ndetse kurusha na Habyarimana ubwe ! None yageze mu "muryango". Ese wa musatsi we inyenzi zogoshesheje icupa muri za 60 igithe yari ahanganye nazo iyo mu Mutara waba warameze ? Azibaze yisubize.

Mu nama Twagiramungu amaze iminsi akorana n'abanyapolitiki kugira ngo barebe uko inzego z'inzibacyaho yaguye zijiyo, ishyaka MRND ryataenze igitekerezo cy'uko abo bose babariwa.

Ababona ibuntu uko bitari babibonamo ibindi. Ngo MRND irashaka ko Habyarimana na baramu be batakurikiranwa. Abakoze ibyaha muri iki gihugu cyane cyane abanya-politiki bacu bakurikiranywe, aho ntitwasubira Arusha ! Bose nibemere bajye muri penetensiya bongere birire nkuko bamye wa mugani wa wa wundi. Naho ubundi umuntu yabacira wa mugani wa Yezu bamuzaniye umugore w'umusambanyi. Yezu yabwiye abari bamushoreye ati "utari yabikora muri mwe namutere ibuye". Ntawamenye aho banyuze !

KANGURA

GOUVERNEMENT BURUNDAIS MIS EN PLACE LE 9/2/1994 ET REMANIE LE 11/2/1994

Nom et Prénom	Ministère	Parti politique	Province d'origine	Appartenance ethnique
NTARYAMIRA Cyprien	Président	FRODEBU	Bujumbura R	Hutu
KANYENKIKO Anatole	1er Ministre	UPRONA	Ngozi	Tutsi
1. CIZA Bernard	Planif. du Dvt/Reconstr.	FRODEBU	Bururi	Hutu
2. NGENDAHAYO Jean M.	Rcl. extér. et coop.	FRODEBU	Ngozi	Tutsi
3. NYANGOMA Léonard	Intérieur et secur. publ	FRODEBU	Bururi	Hutu
4. TOYI Salvator	Finances	FRODEBU	Muyinga	Hutu
5. FYIROKO Gédéon	Défense	Sans	Ngozi	Tutsi
6. DWIMA B. Fulgence	Justice, garde des sceaux	FRODEBU	Bururi	Hutu
7. MANWANGARI J.Baptiste	Administr. du Territoire	UPRONA	Muyinga	Tutsi
8. NAHIMANA P. Claver	Agriculture	FRODEBU	Ngozi	Tutsi
9. NDIMURUKUNDO Nicéphore	Enseignement de base	UPRONA	Muramvya	Tutsi
10. NGENDAHAYO Liboire	Enseignement sec et sup	FRODEBU	Kayanza	Hutu
11. BAKEVYUMUSAYA Vénérand	Travail et for.prof.	FRODEBU	Gitega	Hutu
12. BUKURU Margueritte	Fonction Publique	UPRONA		Tutsi
13. NIYONSABA Ambroise	Dvt communal	UPRONA	Bururi	Tutsi
14. NZEYIMANA Joseph	Commerce & Industrie	RADDES		Tutsi
15. CIZA Onesme	PME et Tourisme	FRODEBU		Hutu
16. KABUSHEMENE Ernest	Energie et Mines	RPB	Muyinga	Hutu
17. NIYONKURU Shadrak	Transport, PTT	PP	Bururi	Hutu
18. NYAMAWANA Léonidas	Travaux Publics et equip.	PRP		Tutsi
19. NTIHABOSE Salvator	Amenag. Terr. Environnement	FRODEBU	Rutana	Hutu
20. SIMBIZI Cyriaque	Communic. Porte.par.Gvt.	FRODEBU	Ruyigi	Tutsi
21. NGENDAKUMANA Issa	Droits de l'Homme et ref.	FRODEBU		Hutu
22. MINANI Jean	Santé Publique	FRODEBU	Ngozi	Hutu
23. MINANI Emilienne	Action soc. prom. femme	FRODEBU		Hutu
24. RUGAMBARARA Alphonse	Cult. Jeunesse et Sport	INKINZO		Tutsi
25. NIKOBAMYE Gaetan	Refor.Inst. et rel/Parlem.	PL		Hutu
26. NGENDAKUMANA Jacques(1)	Reconstr.	FRODEBU	Bujumbura R	Hutu
27. NTAMOBWA Antoine(1)	Coopération	FRODEBU		Hutu

(1) Ministre Délégué

Nombre de Hutu : 17 dont le Président

Nombre de Tutsi : 12 dont le 1er Ministre

Nombre de Twa : 0

FRODEBU : 17

RPB : 1

PL : 1

PP : 1

Bubanza : 0 UPRONA : 5

Bujumbura R : 2 RADDES : 1

Bujumbura V : 0 INKINZO : 1

Bururi : 5 PRP : 1

Cankuze : 0 SANS : 1

Cibitoke : 0

Gitega : 1

Karuzi : 0

Kayanza : 1

Kirundo : 0

Makamba : 0

Muramvya : 1

Muyinga : 2

Ngozi : 3

Rutana : 1

Ruyigi : 1

UBURUNDI BUDUSANZE MU KADURUVAYO BUKADUSIGAMO ·

Umucuranzi wo muri Afurika y'epfo Luck Dube niwe uknze kuvuga ngo "punish all the killers". Mu kinyarwanda twavuga ko abicanyi bose bagomba guhanwa. Uwo muhanzi aba ashaka kuvuga akarengane k'abirabura bo muri Afurika y'epfo bakomeje kwicwa urubozo n'abazungu, ntibakkurikiranwe. Ariko se ubundi bakurikiranwa na nde ko uwo barega ariwe baregera ?

Niba abicanyi bose bahanwaga, Liyetena Koloneli Jean Baptiste Bikomagu umukuru wa Etat-Major y'ingabo z'u Burundi na bagenzi be bafatanyije kugandagura abaharaniye demokrasi mu Burundi, ntibaba bakomeje kwidegembya.

Ishyaka FRODEBU, abatutsi b'i Burundi bariciye umutwe ariko igihimba kiracyahari. Iryo shyaka barivukije intwari nka Ndadaye, Karibwami n'abandi ariko ntibariciye imizi. Abo bagizi ba nabi bakurikije inama ya mukuru wabo, Michel Micombero wigeze kuvuga ngo iyo ushaka guhambura umuba w'inkwi, uvanamo urukwi rumwe rumwe. Mu yandi magambmo, icyo Micombero yashakaga kuvuga ni ukubwira abatutsi bene wabo ko niba bashaka kumara abahutu bagomba guhera ku isonga. Ni ukuvuga abize bajutse. Kandi kugeza ubu, iyo gahunda abenshi babatije "Plan Arthémon Simbananiye" yagiye ikurikizwa umurongo ku wundi. Ibyo aribyo byose ntiwakwica abahutu ngo ubamare. Bikomagu yagandaguye Ndadaye na bagenzi be akeka ko FRODEBU itazongera kubyutsa umutwe. Ntiyatine kubona kubona ko yibeshe. Perezida wa Repubulika, Cyprien Ntaryamira ni umuhutu w'umu FRODEBU. Perezida w'Inama nshingamategeko Sylvestre Ntibantunganya nave ni intarumikwa y'umu FRODEBU

Guverinoma ya Minisitiri w'intebi mushya, Anatole Kanyenkiko, yatangaje ku wa kane tariki ya 10/2/1994 ifite isura ya FRODEBU. Urebye neza ntaho itaniye n'ivari isanzweho. N'ubwo bwose Minisiteri ziyongereye, zikava kuri 21 zikagera kuri 24, Minisiteri zikomeye ziracyari iz'aba Frodebu.

Minisiteri y'Ubutegetsu



bw'igihugu yahawe Léonard Nyangoma asimbura Nyakwigendera Juvénal Ndayikeza. Abazi Nyangoma bavuga ko ari umu Frodebu w'umu "pawa". Ku buryo twakwizera ko atazarangara. Uretse n'ibyo, Minisitiri w'Intebi, n'ubwo bwose ari umututsi wo muri UPRONA afite umunyarwandakazi w'umuhutukazi. Tukizera ko azajya amugira inama.

Indi Minisiteri ikomeye ni iy'ububanyi n'amahanga n'ubutwererane. Iyo Minisiteri yahoze iyoborwa n'intarumikwa Sylvestre Ntibantunganya yagabiwe Jean Marie Ngendahayo, wari Minisitiri w'Itangazamakuru akaba n'umuvugizi wa Guverinoma. N'ubwo bwose ari umututsi wo mu bwoko bw'abami, ni umu Frodebu ukomoka muri porovinsi ya Cibitoke. Akaba abariwa mu baharaniye cyane ishyaka Frodebu.

Minisiteri y'ingabo (yo kwivuna abansi) yavuye mu maboko ya Lt-Colonel Ntakije Charles, bayiha Colonel Gédéon Fyroko. Twizere ko atazagambana na Bikomagu ngo bongere bagandagure abategetsi abaturage bongeye kwishyiriraho.

Minisiteri y'ubutabera iracyari mu maboko y'umu Frodebu wabaye impunzi Fulgence Dwima Bakana. Minisiteri y'imari yahawe Bernard Ciza, umu Frodebu w'i Bururi.

Icyo umuntu yavuga kuri Guverinoma yatangaje na Minisitiri w'Intebi, Anatole Kanyenkiko ni uko igizwe ahanini n'abahutu b'impunzi abenshi bize kandi bakaa igithe kinini mu Rwanda. Duhere kuri Perezida wa Repubulika, Cyprien Ntaryamira. Yize amashuri yisumbuye i Ririma (Bugesera) akomereza muri Kaminuza y'u Rwanda i Butare. Minisitiri w'Intebi nawe n'ubwo ari umututsi, afite umunyarwandakazi w'umuhutukazi. Perezida w'Inama ishingamategeko Sylvestre Ntibantunganya, yize iby'indimi muri Kaminuza i Butare. Minisitiri w'uburezi, Liboire Ngendahayo, yabaye nawe mu Rwanda ari impunzi. Minisitiri w'ubutabera, Fulgence Dwima Bakana, yabaye impunzi i Kinshasa, agarutse mu burundi vuba aha. Salvator Toti, Minisitiri w'imari yabaye mu Rwanda igithe kirekire. Abenshi mu muzi muri Minisiteri y'imigambi ya Leta, no mu Biro by'igihugu byiga imishinga (BUNEP).

Kuba abategetsi bakomeye b'i Burundi abenshi ari impunzi z'abahutu babaye mu Rwanda nibyo bikomeje kurya abatutsi b'i Burundi. Ngo kuva kera nta gihe batagize ubwoba ko u Burundi bwazategekwa n'umuhutu w'umurundi wabaye impunzi mu Rwanda. Iryavuzwe rero ryaratashye. Nibabwire Bikomagu yongere "akomagure". Azageza nyari ?

AKABOKO KAREKARE K'ABAKOMBOZI KAGEZE NO MU MUSHINGA W'UBUHINZI (PSA) WO MURI CYANGUGU.

Yitwa Baziruwiha Mariyana, akaba umukombozikazi. Kuva aho uwo mugore yoherejwe na Minagri (Minisiteri y'Ubuhinzi) gutegeka u wo mushinga muri Cyangugu mu kwezi kwa 10/1992, ibyari ubuhinzi n'ibworozi ndetse n'amashyamba, byabaye umwaku. Uwo mugore yaje ariwe uhagarariye ishyaka rya PSD muri iyo Perefegitura ya Cyangugu 'nawe agaragaza ko afite akaboko karekare nka bashebuja bo mu ishyaka rye.

UKO BYAGENZE IBARA UMU-PFU.

Umushinga w'Ubuhinzi umaze gutangizwa na Perezida wa Republika, abaturage batuye muri Cyangugu bahise bagira icyizere ariko kitatinze gushira bitewe n'uko uwo mugore yacunze umutungo w'umushinga nabi. Amaze kugera muri Cyangugu 'yahise yirara mu bakozi bari basanzwe mu kazi. Bamwe arabisurukana, abo adashoboye abahesha mutation. Bose hamwe bageze ku 9. Abo bakozi bazize ko banze gufatanya nawe mu mafuti ye, abandi bazira ko badahuje ishyaka. Abandi abigizayo kuko bamurushaga ubwenge, agakeka ko bazamusimbura. Ubwo yahise aha akazi abo yise ngo ni abakombozi b'abatutsi ku buryo iyo ugeze muri secrétariat ye uhasanga ubwo bwoko guša.

Kubera akaboko karekare k'uwo mukombozikazi, yaje gushwana n'abashinzwe gufatanya nawe gucunga umutungo. Bamubereye inyangamuyago banga gufatanya nawe gusahura umutungo w'ubo mushinga n'ubwo bwose yanze akabikora ku giti cye. Kubera ko uwo mugore akomeje kwigira ingare akavurunga abakozi abahora ko badahuje amashyaka nave kandi bakamwarmagna mu mikorere ye yo kwiba ibya rubanda, abakozi b'uwo mushinga (PSA-Cyangugu) barasaba Minisiteri y'Ubuhinzi kwimura uwo mugore w'igisambo. Bitabaye ibyo, abo bakozi biyemeje kumufatira ibindi byemezo.

ISIHA RUSAHUZI...

Baziruwiha Mariyana, yashatse uko yiba amafaranga y'umushinga, arabibura. Ahimba amayeri yo kubakisha inzu yo kubikamo ibirayi (Hangar de pommes de terre) yatwaye akayabo k'amafaranga, ahantu hitwa i Kabikeri ho muri Komini Karengera. Maze afatanyije n'umwubatsi utemwewe na Leta witwa Ndamage wishyiriweho n'uwo mugore, biba amafaranga w'uwo mushinga karahava. Inzu bayubakisha umucanga uvante n'ishwagara mu mwanya w'isima. Ku buryo iyo nzu ugereranyije yaba yaratwaye amafaranga agera ku bihumbi magana inani (800.000 FRW). Nibwo yahise atangira iye nzu iri ku Kacyiru akajya ayubakisha ibikoresho byagenewe kubaka iyo Hangar bitwawe n'imodoka z'tumucuruzi witwa Karangwa w'i Cyangugu yabaga yakodesheje ku mafaranga y'umu

essence yo guha abashinzwe utu rere-fatizo kugira ngo babone uko bakora, abagenera nkeya kuyo bagombaga guhabwa, isigaye aka-yikoreshereza mu bye no mu nyungu ze.

Uretse n'ibyo, hari amafaranga angana na miliyoni ebyiri (2.000.000) Minagri yohereje yo gukora mu gishanga cya Gishoma. Ayo mafaranga rero nayo afatanyije n'umututsi w'umudactylographe we witwa Twagirumukiza Antoine barayagereye cyane.

Uwo mugore n'uwo mukozi we bakora amalisiti y'āmahimbano y'abakozi bakora mu gishanga cya Gishoma batabaho bakayahembwa. Icyakora ngo haba hariyo abakozi bake bamwikiza bakora koko muri icyo gishanga. Uwo mudactylographie niwe ukora amalisiti, akajya no gufata amafaranga kwa kontabure wa Préfecture no guhemba abo bakozi ba nyirarureshwa kandi



shinga. None se ko amafaranga ahe mbwa ataruta ay abandi bakozi ba Leta, iyo nzu ifite agaciro nk'aka miliyoni eshatu (3.000.000) yaya-vanye he niba atarayibye umushinga ?

Uwo mugore kandi afite ingeso zo gukoresha imodoka z'tumushinga mu bye bidahuje n'ikoreshereza y'imodoka za Leta. Zirirwa zikoreye sima zivanye muri Cimerwa, zizigemura i Kigali aho arimo ku baka inzu ye. Iyo kandi yazanye

abakozi bo muri comptabilité bose bahari (comptable, caissière...). Ibyo rero bigaragaza neza ibanga bafitanye n'uwo mugore ubundi bagatera amano ku malisiti kakaha-va. Icyizere rero uwo mugore agirira uwo mugabo ngo cyaba gifite n'izindi mpamvu zatuma amukomeraho. Dore ko uwo mugabo asigaye yica agakiza muri uwo mushinga. Ubwo rero abashinzwe gukurikiranira hafi iby'umutungo wa Leta barabe ma-so, bagarurire hafi ibya rubanda.

URUKOZASONI MU BABYEYI...

Baziruwiha Mariyana, abaye umutegetsi mubi nta gitangaza krimo dore ko nawe ubwe mu mibereho ye bwite atari shyashya. Non se umubyeyi utiyubaha, yaku baha abo ashinzwe kuyobora ? Ni hehe umugore yanyoye inzoga

* ABANYAPOLITIKI BATAVUGA HABYARIMANA BAHAGURUTSE NABI.

Demokarasi duhoza ku rurimi, bamwe bashaka kugaraho abandi bakayidindiza, ni intego itagerwaho ariko abantu bashyira mu gaciro bagahora bayishakisha ubudatuza. Ni byiza kuyigana ugapfa ukiri muri urwo rugendo, mbe se uko iguhumuriye ukayisanga cho kuyihunga. Nka demokarasi avukiye mu Bugereki yatangiye inzaga abagore mu matora kimwe n'abacakara. Kandi igiteranyo cyabo bose cyarutaga kure umubare w'abari bafite uburenganzira bwo gutora. Nyamara ababaga bamaze gutorwa bahitaga bakora "Guverinoma y'abaturage". Twibutse ko icyo gihe (hafi imyaka 500 mbere y'ivuka rya Yezu) mu Bugereki havugwaga demokarasi itaziguye. Ibintu byagiye bihinduka, abagore bahabwa uburenganzira bwo gutora, abacakara baragabanuka, abaturage bariyongera, havuka demokarasi iziguye. Muri demokarasi itaziguye abaturage bahita ubwabo bavuga icyo batekereza ku mikorere y'ubutegetsi naho muri demokarasi iziguye, ibyo bari kwivugira babivugirwa n'abo batoye ngo babahagararire. Niyo mpamvu Perezida wo hambere wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika witwa Abraham Lincoln asobanura demokarasi nk'ubutegetsi bw'abaturage, butangwa n'abaturage bugakorera abaturage.

Kugeza ubu demokarasi isesuve ntiyemera ubutegetsi bwa HABYARIMANA nk'uko itazemera ubutegetsi buzashyirwaho n'imishyikirano va ARUSHA.

Uko ubutegetsi bw'uwa 5 Nyakanga bwagiye turabyibuka : habaye igitugu cya bamwe mu ngabo z'u Rwanda. Niba icyo bakizaga abanyarwanda cyari

kurusha abazima n'abapfuye, uragruza mu tubari ? Ibyo bizwi n'abakobwa bo muri Hotel Inyenyeri. Ni hehe umubyeyi muzima yandavuye mu bagabo kandi wumva ngo afite uw ? N'ubwo bwose baba batabana. Uwo siwe ushobora kuzamura Cyangugu. Abakozi bameze nk'ubo mugore ntabwo ba-


kenewe muri uru Rwanda. Niyo mpamvu uwo mugore ndetse n'ibityiso bye byari bikwiye gufatirwa imyanzuro ihamye, ntibakomeze kudindiza imizamukire ya Peregitura ya Cyangugu kabone niyo baba ari abakombozi.

Kangura.

RUMWE NA

gihari bari kugomba gusubiza ubutegetsi mu maboko y'abasiviri noneho bagakomeza umurimo wabo wo kuhahiriza amahoro n'umutekanu mu gihugu. Nk'uko bigaragara, ubutegetsi bwa Habyarimana ntibwigeze muri demokarasi isesuve, inzira imwe ishoboka yo gukorera umuturage, ni uko abanza kugutuma. Habyarimana na bagenzi be nta wabatumye, tukaba rero twaba tutibeshye turamutse tuvuze ko ubutegetsi bwabo bwishe ihame shingiro rya demokarasi ari ryo "ubutegetsi bw'abaturage, butangwa n'abaturage, bugakorera abaturage". Nyamara mu bintu biteye isoni, iryo hame riboneka mu Itegeko-Nshinga ryo mu

wakwemeza niba "formation militaire" yaramushizemo. Na we ubwe azi neza ko ku isi yose nta demokarasi isesuve mu gisirikari bakurikiza. Kandi isi ishobora kuzashira bikimeze bityo. Ibyo ntabwo ari bibi kuko igisirikari cyabiboneye izina "discipline" : kirazira kuvuguruza ugusumba. Ubwo buryo bwo kubaho mu gisirikari bufite ingaruka nziza kuko amabwiriza abasirikari bahawe n'ubutegetsi bushingiye kuri demokarasi isesuve bayashyira mu bikorwa babifashijwemo na discipline noneho umuturage akagira amahoro n'umutekanu. Tukaba twizera ko, ubwo u Rwanda rutagite gekwa n'abasirikari, demokarasi isesuve



w'1978. Abanyarwanda barabyemeye kubera ko bababwiye ngo ubutegetsi babwitoraguriye mu rwobo Kayibanda yari yabutayemo none kugeza ubu baracyahabwa ububonamaso ! Demokarasi isesuve nta na hamwe yigeze yibeshya ngo ihe umugisha ubutegetsi bwa gisirikari. Umuvumo ibuvuma ni wo utuma bukanda abaturage.

Perezida Habyarimana nta kiri umusirikari ariko nta

izadohora noneho Habyarimana yaramuka yiayamarije umwanya wa Perezida wa Republik agatorwa, bikaba ari bwo bwa mbere mu buzima bwe abaturage bazaba bamutumye noneho ubutegetsi bukaba ubw'abaturage koko.

Abadasobanukiwen'ibantu bashobora kuvuga ngo nyuma ya "coup d'état" twaje kumutora muri 78, twongera muri 83, twungamo muri 88. Izo nshuro eshatu zose

nta "abusolusiyo" yahabaye ! Nibibuke ko icyo gihe bari muri "demokarasi resiponsabule" yaririmbwaga na Habimana Bonaventure. Iyo demokarasi ishyiriraho umuturage inzitizi zitera icyo n'iki demokarasi isesuye : umunyarwanda wese yavutse ari muri MRND yewe n'uvari yarayitanze kuvuka, kuniga ibitekerzo, politiki yose ikorerwa muri MRND. Intumwa za rubanda zemerwa kandi zikamamazwa na MRND. Ku mwanya wa Perezida wa Repubulika hiyamamazaga umukandida umwe rukumbi ari we Perezida wa MRND. Iyo utwo turingushyo twa MRND ya kera udutekerejeho, wakwibuka "coup d'état" yo mu w'1973, usanga amatora yose yabaye mu Rwanda, cyane cyane aya Perezida wa Repubulika, bwari uburyo bwo kwereka abanyarwanda ko bagikomeje kwishyiraho nk'uko babigenje bagitangira. Nyamara demokarasi nyayo iha umuturage uburenganzira bwose bwo guhitamo. None se umukandida yari kumara kuba umwe umunyarwanda agahitamo nde akareka nde kandi na konseye yarabaga ahagaze ku gasanduka kitora arekereje abatora ibara ry'ikijuju !

Niba tugana iya demokarasi isesuye koko nidushishoze, turebe niba tutibeshya amayira. Ibihugu duhana imbibi bitubere urugero. Dore Perezida Buyoya yakoresheje amatora agifite ubutegetsi bwose bwaba ubwa gisirikari cyangwa ubwa gisiviri. Babandi bakunze kubeshyera abaturage ngo ni injiji, ngo ntazazatora neza kubera ko nta nziba cyuho yahabaye, babonye ko bibeshyaga. Duhereye ku kintu cy'uko umubare w'abanyarwanda batize ungana n'uwarundi, twavuga ko abo baturage bombi bajijutse. Ndetse urebye kudashyiraho inzibacyuho biri mu byo Buyoya yazize. Kuko yari gushyira amashyaka muri g u v e r i n o m a n o n e h o akayagonganisha maze akereka abarundi ko ayo mashyaka ariyo azambya ibintu, ubwo icyizere abaturage bari bayafitiye

kikagabanuka. Yazize kutareba uko abandi bakuru b'ibihugu babigenza.

I n t e g o i d a k u k a
y'imishyikirano y'Arusha ni ukugabana ubutegetsi, abari hanze n'abari mu gihugu bakanganya. **N i b i m a r a k u g e r w a h o** abanyapolitiki bazitwaza rya jambo bifashisha kugira ngo banige demokarasi ari **ryo "abaturage"**. Nta soni bafite bazavuga ko abaturage bemeye iyo mushyikirano. Abantu batageze no kuri 500 ni gute bazaba bahagarariye abanyarwanda bose?

Harya ngo ni Guverinoma y'u Rwanda ! Demokarasi isesuye na yo ntiyemera kuko uwayishyizeho ari wa wundi kandi itemmera. Nimusigeho kuroha Abanyarwanda. Ubwo butegetsi nibujyaho ntaho buzaba butaniye na "coup d'état" yo mu mwaka w'1973. Uburyo buratandukanye ariko bwose ni ubutegetsi bwimirije imbere igitugu. Ubihakana wese aracyasinziriye

kuko aramutse ahumutse akarora i Burundi yasanga nta nzibacyuho, yewe habe n'iy'umunsi umwe yabayeho. Ariko se uwari ku butegetsi byamubujije kubona koabaturage batamushaka ! Niba Inkotanyi zitinya rubanda nyamwinshi zizabibaze Imana kuko ariyo yayigize nyinshi mu Rwanda. Twe dukunze gutanga urugero rwa Leta Zunze Ubumwe z'Amarika, igihugu cyakataje imbere muri demokarasi, ariko abazungu akaba aribo biganje mu butegetsi kurusha abirabura. None Inkotanyi zirashaka iki kindi ko n'abadutoza demokarasi icyo kintu bacyemera ?

Iyo usomye ibitekerizo inyenzi zinyuza mu binyamakuru, usanga uwo zitera ari Habyarimana. Buri wese ahita yibaza impamvu zatangiye zishakira Perezida mu bihuру bya parc y'Akagera n'ahandi hose muri Byumba na Ruhengeri. Aho zitera zizi neza ko nta wuhaba. Niba adahari rero abo zishaka kwica ni abaturage nta kindi. N'aho ubundi demokarasi ntizanwa n'imbunda. Icyo Abanyarwanda bashobora

kuba bemera ni uko impunzi zataha maze zikifatanya n'abandi banyarwanda mu gutanga ubutegetsi buzabakorera. Biramatse bitagenze bityo, Abanyarwanda bazamanuka mu mihanda, basabu amatora ya vuba. Dore ababyeyi babiri biteduraga kujya mu munsi mukuru bibese mu mbere barakenyera, baritera. Muri bo, umwe yari agifite umutima wibuka umuco nyarwanda. Noneho mugenzi we aramubaza at : "ese ko utambaye ikariso ?" Aramusubiza at : "nta wamenya hari ubwo muri uriya munsi mukuru dushobora kuvuza impundu". Abavuga ko bahagarariye abanyarwanda Arusha nabo nibashishoze biyumvishe imiterere y'aho ayo masezerano azashyirirwa mu bikorwa. Nibasanga hacavuga impundu bazasabe ibizungerezi gutahuka byambariye umunsi mukuru nyarwanda nyir'izina.

**Bahagurutse bafoye,
barashe Ikinani barahusha,
basigara badandabirana.**

Demokarasi isesuye isesura uburenganzira bwo kutaniganwa ijambo. Aho hantu abanyamakuru bo mu Rwanda Habyarimana yarahaduhaye maze turisanzura. Ariko hari abavuga ngo birakabije. Oya, ijagata mu ntangiriro hose rirahaba, noneho ibinyamakuru bikomeza kwandika ubusa n'amahomvu bikabura abasomyi. Iyo bibabuze biva mu nzira. Niko byagendekeye ibinyamakuru birenga 50 byakorera mu Rwanda mu myaka ibiri ishize. Iyo usite uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerzo ukabukoresha nabi ni wowe uba wihemukira. Icyo abaturage baba bashaka ni ukuri. Iyo batakubonye baraguhunga. Nku mashyaka atavugisha ukuri ni ko bigenda. Nyamara ukuri kudafite ingamba zihamye nako nta cyo kumaze. Amashyaka atavuga rumwe n'ubutegetsi bwa Habyarimana yahagurutse nabi. Ukuri yagiye yamamaza muri mitingi kwari gushingiye gusa kukurwanya umuntu umwe : Perezida HABYARIMANA Byari kuba byiza iyo barwanya imikorere y'ubutegetsi umuntu

akamwihorera. Iyo ngingo amashyaka yayihuriyeho na FPR noneho yibagirwa ko gufatanya n'Inkotanyi ari ugushyigikira ubundi butegetsi bw'igitugu. Iyo kosa nyakwigendera GAPIYISI yari yararibonye kúva kera : "ntitwarwanya ubutegetsi bw'igitugu bwa Habyarimana ngo dushyigikire ubw'imbunda bwa FPR". Yabaye nk'uwerekana ko abarwanya Habyarimana gusa bashobora kwemera ubundi butegetsi bw'igitugu ariko butayobowe na we.

Maitre MBONAMPEKA nawe aherutse kutubwira at :"ubuyobozi bwa PL nabusabye ko busobanurira abanyarwanda niba FPR ari ingufu z'agakiza cyangwa se ari umutwe utera igihugu

wifashishije intwarz". "Niba bwemera ko ari ingufu z'agakiza tuzasaba abanyarwanda kuyishyigikira naho niba yica abanyarwanda, ikaba itera igihugu tuzasaba abanyarwanda guhuriza hamwe maze bayirwanye bashikamye". Komite nyobozi ya PL yijeje Maître Mbonampeka ko igiye kwiga icyo kibazo ikamuha igisubizo gihame ariko kugeza na nubu aracyategereje. Hagati ngaho ngo ishyaka ryaba rigiye kumwirukan. Maître Mbonampeka ari mu barangije kubona ko kurwanya umuntu ntacyo bivuze ahubwo igifite ireme ni ukurwanya uburyo uwo muntu acoresha n'igisa nabwo cyose.

Amashyaka yabaye

acyemerwa, imiheto arayifora, arashe Ikinani arahusha none ubu aradandabirana. Niyo mpamvu ubu arimo gusubiranamo ku buryo budindiza "comité de concertation". Muri MDR ubu barasubiranamo mu buryo buteye isoni bitwe n'uko hari abacyumva ko bagomba kurwanya Habyarimana ariko bagakorana n'Inyenzi, n'abashaka kurwanya ubutegetsi bw'igitugu bwose bw'aba ubw'Inyenzi cyangwa ubwa Republikya kabiri.

Uko biri kose, abanyapolitiki badashyigikiye ubutegetsi bwa Habyarimana bahagurutse nabi, babura icyerekezo, none ubu baragonganira mu kirere.

NYABYENDA Issa.

ABAKOMBOZI BARATEZA UMWUKA MUBI MURI

SUPEREFEGITURA YA NYABISINDU.

Superefegitura ya Nyabisindu igizwe n'amakomini ane. Hari Nyabisindu 'Rusatira, Nyazo na Muyira yose yo muri Perefegitura ya Butare. Icyicaro cyayo kiri i Nyanza (Komini Nyabisindu).

Iyo Superefegitura itegekwa n'umu nya Cyangugu (abandi bavuga umu shi), Kayitani Gaëtan, Bagenzi bacu bo muri Kinyamateka nibo kera bari bafite inyandiko bitaga «Bazumva ryari?» Iyo nyandiko yashyiraga ahagaragara amakosa yaba ay abategetsi cyangwa se abandi bantu bigize indakoreka bibwira ko ijisho rya rubanda ritabareba. «Bazumva ryari?» yavuyeho, hadu ka «lombori bombori». Cyane cyanne iyo hari ibitagenda neza aha n'aha. Tuuge tuti «abatutsi (babakombozi) bo muri superefegitura Nyabisindu bazumva ryari?», badu samira hejuru ngo turashotorana. Nyamara sicyo tugamije. Ntawe dushaka gutungira agatoki, Ni ukuri kwambaye ubusa dushaka kugeza ku basomyi bacu cyane cyane abo muri superefegitura ya Nyabisindu kuko iyo nkuru twayihagazeho. Abatutsi bo muri PSD, batuye muri superefegitura ya Nyabisindu bakomeje guteza akaduruwayo (lombori bombori) muri ari karere. «Bazumva ryari» ko abanyarwanda bose bangana, ko igihugu atari icy-

bo bonyine, ko abanyarwanda bakeneye kubana mu mahoro ?

MUTI KAGIRE INKURU.

Umugabo Muganza Stanislas agize atya akuviriye i Gikongoro n'i Kinkanka muri Rusatira ngo ba ! Emwe agira n'inama abona akazi muri Isar yitwaje mu mufuka «impamyabushobozi» y'myaka itatu y'mashuri yisumbuye. Ashingwa gupima ikirere. Aza gutanga ruswa, Isar aba arayitaye aza muri Ocire cya kigo gishinzwe ibihingwa ngenga bukungu. Amaze kugwiza inoti, Muganza yirara mu baturage b'i Rusatira, abafatanya n'ubujiji, atangira kugura amasambu yabo kuri make. Icyo gikorwa cy'uburiganya yaje kugipfa na Burugumesitiri wa Komini Rusatira Nyawenda Esdrone wamubuzaga guhuguza abaturage ashinzwe kuyobora. Amatiku atangira ubwo.

Muganza (icyo gihe wari umurwanashyaka ukomeye wa MRND) ashaka guhirika Burugumesitiri Nyawenda yifashishije uwahoze ari Perefe wa Butare, Temahagari Justin, akaba na muramu we. Muganza akurura amatiku ngo Burugumesitiri Nyawenda abitse intwarz zo kuzamarisha abatutsi bo muri Rusatira. Hagati aho wa

murwanashyaka wa MRND ari we Muganza yari yahindutse u mukombozi kubera nyine amaco y'inda. None OCIR ntiyari imaze gushyikirizwa abakombozi !

Uko byagenze ibara umupfu. Burugumesitiri Nyawenda wari umaze imyaka 17 ari indakemwa, bamujugunya muri superefegitura ya Ruhango i Tambwe. Hagati aho Perefe wa Butare, Habyarimana akora iperereza muri Rusatira, asanga Burugumesitiri Nyawenda arengana. Bamujana i Tambwe muri superefegitura ya Ruhango bamuzana i Nyabisindu kuri superefegitura, aho ari na nubu. Muganza na bagenzi be bashya ubwoba ngo Burgumesitiri Nyawenda wahoze ayobora Komini Rusatira, ubwo ageze kuri Superefegitura ya Nyabisindu agiye kuba superefegitura. Tracts ziracicikana ngo superefegitura Kayitani Gaëtan, Nyawenda Esdrone n'umunyamakuru wa RTLM, Habimana Kantano ukomoka i Mu yira bafite umugambi wo kuri mbura abatutsi muri Komini Rusatira. Superefegitura Kayitani Gaëtan atumiza inama y'umutekano kuri superefegitura i Nyanza. Nyawenda arisobanura, Muganza na bagenzi be cyane cyanne Gatara yiha chef wa garage i Rubona bafatanyije kurya ibyuma bya Isar, baratsi-

ndwa. N'ubwo bwose Muganza yari yatinye kuhakandagiza ibirenge ! Ese ubundi yatinyaga iki ?

Ubutegetsi buhita bushingana Nyawenda Esdron hamwe n'umuryango we ko nihagira icyo aba baza-

bibazwa. Abaturage ba superefegitura ya Nyabisindu cyane cyane aba Komini Rusatira bari bakwiye kwirinda impuha za Muganza na bagenzi be. Ntawufite umugambi wo gutsema abatutsi muri Komini

Rusatira. Abo Muganza arimo gu shuka arabahemukira nawe atirette. Amenye gusa ko urucira mu kaso rugatwara nyoko !

Kangura.

MBE TWAGIRAMUNGU POLITIKI IKUGEZE HE?



KIMUTUMVIKANA MU HASHYAKA
YAN'U NTITUZONGERA GU FASHA
U RWANDA KANDI ABATURAGE
NIBO BAZA HABABARI-
RA?

BARAMAZE
NTITUBASHINZWE

PRIMATURE

PEREZIDA HABYARIMANA ABANZI BARI BAMWIVUGANYE AKIZWA N'IMANA.

Nkuko twari twabitangaje ko Perezida HABYARIMANA ashobora gupfa mbere y'uko ukwezi kwa gatatu gushira, kuwa kane tariki ya 24 Gashyantare 1994, agatsiko k'abantu bazobereye ibyo kurasana kari gashatse kumwivugana akizwa n'uko atanyuze mu muhanda ako gatsiko kari kamutegeyemo.

Ubu inzego zishinzwe kurinda Umukuru w'lighugu zabigize ibanga ku mpamvu zitazwi. Ntituramenya icyo abafashwe batangaje ariko ntawashidikanya ko bari batumwe na F.P.R. yihishe inyuma ya TWAGIRAMUNGU.

Iyo nkuru tuzayibagezaho ubutaha nabyo bimaze gusobanuka. Ese ubundi kuki abo bicanyi bafashwe ntibatangazwe ?

KA02 2068

WARI UZI KO ABAYISILAMU BAGIZE 1/5 CY'ABATUYE ISI ?

Ku isi yose, abayisiramu bagize 1/5 by'abayituye. Ni ukuvuga miliyari isaga. Haji imigabane imwe n'imwe ariko idini ya Islamu ifitemo abayoboke bake ku buryo usanga ari nk'idini ritazwi n'abaturage. Cyangwa se baba ari benshi ariko politiki ikorerwa mu bihugu bigize iyo migabane ikabakanda. Ubu ni ryo dini rya mbere ku isi rifite abayoboke benshi mu madani yemera Imana imwe ariko hari abagishidikanya. Nyamara abakurikanira hafi iterambere ry'amadini, bemeza ko tuzatangira igisekuru cya 21 nta wugihakana uwo mwanya wa mbere. Muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika riraharanira umwanya wa gatatu inyuma y'amadini ya gikristu agabanyijwemo imitwe 220 yose, agafata umwanya wa mbere. Abayahudi bafite umwanya wa kabiri.

Muri iki gihe Leta Zunze ubumwe z'Amerika zifite miliyoni enye zirenga z'abayislamu. Uwo mubare uruta uw'abayislamu batuye Libiya. Mu mashyirahamwe y'amadini nyamerika, Islamu niyo itera imbere k'umuvuduko wa vuba cyane. Miliyoni zigera kuri eshatu zigizwe n'abayislamu b'abimukira cyangwa ababakomokaho ba hafi, abakabakaba miliyoni ni abirabura bo muri Amerika bahisemo Islamu nafo ibihumbi mirongo inani ni abazungu bayiyobotse. Ibyo biterwa ahanini n'uko imiryango y'abayislamu ibyara cyane. Buri muryango bawugeranyiriza abana bareng 6.

Umubare w'abayislamu uruta uw'amadini amwe ya gikristu ashinze imizi nk'iry'aba "épiscopale" (miliyoni 2,5 z'abayoboke) n'aba "peresibiteriyani" (hafi miliyoni 3). Biramatse bikomeje gutyo, Islamu yaba mu minsi ya vuba ari ryo dini rya mbere ritari irya gikristu rikomeye muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Ndetse uwitwa Issa Smith, umuyobozi wungirije w'Inama nkuru y'Abayislamu muri Amerika, yemeza ko mu myaka icumi iri imbere Islamu izaba yakuye idini ry'abayahudi ku mwanya wa kabiri rifite ubu bityo Islamu ibe ibaye iya kabiri mu gihugu.. Icyizere cya Issa Smith agitsindagira avuga ati : "abayoboke ba Islamu ubu turarenga miliyoni enye naho abayoboke b'idini y'Abayahudi ni miliyoni eshanu n'igice. Urabona ko tubegereye kandi tu-

kaba twiyongera ku buryo budasubirwaho".

Abayobotse Islamu bavuga ko abakunda idini ryabo, bamwe muri bo ari abashaka ikinyabupfura, abandi baba bishakira kumenya amateka". Mu gisekuru cya VII, intumwa Muhammad yahanuye amasengesho atanu ku munsi n'amategeko agena imirire iboneye. Abayislamu bagomba kubahiriza amabwiriza agenga umuco n'imirire, bakirinda inzoga, ibiyobabyabwenge, ntibarye ingurube n'izindi nyama zose zitari "halal" ni ukuvuga zitabaze ku buryo bwemewe n'amategeko ya Islamu. Guhuza ibitsina mbere y'isezerano no mu buryo butari ubw'isezerano birabujjwe. Amahame y'iryo dini aboneka mu gitabo gitagatifu "Koran" abayislamu bafata nk'ijambo mwimerere rya Allah nk'uko ryahishuriwe intumwa Muhammad.

Muri rusange, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zifite imisigit n'amazu ndangamuco ya k'Islamu abarinwa mu gihumbi. Umusigitu munini cyane muri icyo gihugu ufite metero kare ibihumbi umunani, ubu umaze kuzura i New York. Muri Leta ya New York, New Jersey, na California niho higanje abayislamu benshi muri Amerika.

Umwaramu wigisha amateka muri Kaminuza yi Massachusetts kandi ubuhanga bwe muri urwo rwego bukaba buzwi, uwo ni uwitwa Yvonne Haddad, aragira ati : "iterambere rya Islamu muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika rirerekana ko Abanyamerika badashobora gukomeza kwiyita umiryango yahudi-gikristu".

Intambara yo mu kigobe cya Perse yatumye abanyamerika babona umwanya wo kwibaza ku idini ya Islamu. Byatumye bene ubwitie bahagruka kugira ngo bahangane n'amagambo adafite ishingiro n'ibitekerezo bibi byerekezaga kuri Islamu. Abahanga mu bumenyi bw'idini baratumwe bajya gosobanura mu mashuri no mu kilizya, na ba Imam (abayobozi) barushaho gutumirwa mu manama agamije ubworherane bw'amadini.

Mu mwaka w'1991, ubwo hizihizwaga umunsi mukuru wa Iddi nkuru (umunsi w'igitambo), wabaye nyuma y'intambara mu kigobe cya Perese,

disikuru ya Perezida Bush yafashwe kuri videwo yakwirakwijwe mu bayislamu b'Abanyamerika. "Inshoza (la notion) y'ubworherane bw'amadini ifite umwanya munini mu ntego y'Abanyamerika". Yakomereje ku isengesho agira ati : "Icyo gihe abantu bo mu madini atandukanye bazabaho mu mahoro no mu bwigenge, hose ku isi".

Kuganira n'andi madini byatumye Abayislamu babona umwanya wo gosobanura ingingo idini ryabo rihuriyeho n'indi mitwe y'amadini iboneka muri Amerika. Urugero : amategeko y'imirire ya kiyahudi n'aya kislamu ameze kimwe cyane ku buryo abayislamu benshi babuze inyama halal bajya kugura inyama zibazwe ku buryo bwemewe n'idini y'Abayahudi.

Nyamara uvanyemo amategeko y'imirire n'imyambarire, abayislamu bajya kubaho nk'abandi Banyamerika. Bikaba bishobora guha Islamu isura yihariye muri Amerika. Ingero zatangiye kugaragara mu misigitu imwe n'imwe aho usanga imikorere yayo igenda yegera iy'abakristu aho kumeri nk'ijo muri Aziya yo hagati.

Imibereho y'abayislamu n'imibereho isanzwe y'abanyamerika yibarutse ku ngufu ihinduka ridashobora gosubira inyuma. Abayislamukazi bafite akazi ntibacyambara "Hijab", (tchador, bandiya) umwambaro uri mu rwego rumwe n'ivara. Amasengesho atanu ya buri munsi ntibabona uko bayubahiriza kubera akazi.

Nibyo, birashoboka ko mu myaka iri imbere, Islamu izaba ifite umwanya mwiza mu ruhando rw'andi madini aboneka muri Amerika. Ariko izaba ari Islamu icishije make, ituje, idafite ubukana nka ya yindi yamamajwe na Nyakwigendera Ayatollah Khomeini wo muri Iran. Ngo izaba ari Islamu iboneye abanyamerika nk'uko Gutbi E. Ahmed, umuyobozi w'ishyirahamwe mpuzamahanga rya kislamu abivuga : "twageze ku nta nbwe nshya kandi twasezereye kuba idini rifite akato kugirango duhinduke idini ry'abanyamerika babaho ubuzima nyamerika".

Nyabyenda Issa.

KA02 2069



**"Чо ЕДІС-ЯНА на мірумуне сү'юбім кимве бұғамбы
көлесілдіріншінде сү'юбім кимве бұғамбынан
ЕДІС-ЯНА на мірумуне сү'юбім кимве бұғамбынан
Едіс-Кері оғындастар. Тузабиңде жаңа міндеттік мінездар."**